**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**Ibiro bya Minisitiri w'Intebe**

**ITANGAZO RY'IBYEMEZO BY'INAMA Y'ABAMINISITIRI YO KU WA 14 UKUBOZA 2020**

Ku wa Mbere, tariki ya 14 Ukuboza 2020, Inama y'Abaminisitiri yateraniye muri Village Urugwiro iyobowe na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul KAGAME.

1. Inama y'Abaminisitiri yemeje imyanzuro y'Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 27 Ugushyingo 2020.

2. Ishingiye ku buryo imibare y'ubwandu bwa COVID-19 ikomeje kwiyongera, Inama y'Abaminisitiri yafashe icyemezo cyo gusubika amakoraniro ahuza abantu benshi ku rwego rw'Igihugu, harimo n'Inama y'Igihugu y'Umushyikirano. Muri uyu mwaka, ku itariki ya 21 Ukuboza, Nyakubahwa Perezida wa Repubulika azagirana ikiganiro n'abayobozi, abaturage n'abanyamakuru, ndetse ageze ku Banyarwanda uko Igihugu gihagaze (State of the Nation Address).

3. Inama y'Abaminisitiri yongeye gusuzuma ingamba zafashwe zo gukumira ikwirakwira ry'Icyorezo cya COVID-19, yemeza ko ingamba zikurikira **zigomba guhita zishyirwa mu bikorwa guhera ku wa Kabiri tariki ya 15 Ukuboza 2020**.

   **Izi ngamba zizongera kuvugururwa nyuma y'ibyumweru 3 hashingiwe ku isesengura ry'inzego z'ubuzima**.

   **Ingamba zizubahirizwa mu Gihugu hose:**

   a) **Kuva ku itariki ya 15 kugeza ku ya 21 Ukuboza 2020, ingendo zirabujijwe guhera saa tatu z'ijoro (9:00 pm) kugeza saa kumi za mu gitondo (4:00 am).**
   b) **Kuva ku itariki ya 22 Ukuboza 2020 kugeza ku ya 04 Mutarama 2021, ingendo zirabujijwe guhera saa mbiri z'ijoro (8:00 pm) kugeza saa kumi za mu gitondo (4:00 am).**
   c) **Amateraniro rusange harimo imihango y'ubukwe, ubusabane n'ibirori bitandukanye, byaba ibibera mu ngo cyangwa ahandi hose birabujijwe.**
   d) Umubare w'abitabira inama (meetings and conferences) ntugomba kurenga 30% by'ubushobozi bwo kwakira abantu bw'aho bateranira.
      Bose bagomba kubanza kwipimisha COVID-19 kandi bakubahiriza amabwiriza y'inzego z'ubuzima.

Tel: (250) 0252585444
Email: info@primature.gov.rw
P.O Box: 1334 Kigali/Rwanda
Website: www.primature.gov.rw

e) Ibikorwa by'Inzego za Leta n'abikorera bizakomeza, ariko buri rwego rurasabwa gukoresha abakozi batarenze mirongo itatu ku ijana (30%) by'abakozi bose, abandi bakozi bagakorera mu rugo, ariko bakagenda basimburana.
f) Imodoka zitwara abantu mu buryo bwa rusange (public transport) zemerewe gutwara 50% by'umubare w'abantu zemerewe gutwara, kandi hakubahirizwa amabwiriza yo kwirinda COVID-19.
g) Insengero zahawe uburenganzira bwo gukora kuko zujuje ibisabwa mu kwirinda COVID-19, zemerewe kwakira 50% by'ubushobozi bwazo bwo kwakira abantu, inshuro imwe mu cyumweru.
h) Imihango yo gushyingura ntigomba kurenza abantu 50.
i) Umubare w'abitabira ikiriyo ntugomba kurenga abantu 15 icyarimwe.
j) Imyitozo ngororamubiri ikorerwa mu nyubako z'imyidagaduro (gyms) no kogera muri pisine (swimming pool) birabujijwe. Icyakora, abantu bacumbitse muri hoteli bemerewe gukora izo siporo zombi kuri hoteli bacumbitsemo, ariko berekanye ko bipimishije COVID-19.
k) Imikino ya Shampiyona y'Igihugu y'umupira w'amaguru hamwe n'imyitozo y'abakinnyi birahagaritswe. Icyakora, amakipe y'umupira w'amaguru ari mu marushanwa mpuzamahanga yo yemerewe gukomeza kuyitabira.

**Ingamba zihariye zizubahirizwa mu Mujyi wa Musanze:**

a. **Ingendo zirabujijwe guhera saa moya z'ijoro (7:00 pm) kugeza saa kumi za mu gitondo (4:00 am).**
b. Inama (meetings and conferences) birabujijwe mu gihe cy'ibyumweru bitatu, uhereye ku itariki ya 15 Ukuboza 2020.
c. Insengero zahawe uburenganzira bwo gukora kuko zujuje ibisabwa mu kwirinda COVID-19, zemerewe kwakira 30% by'ubushobozi bwazo bwo kwakira abantu, inshuro imwe mu cyumweru.
d. Imihango yo gushyingura ntigomba kurenza abantu 30.

**Abaturage bose barongera kwibutswa ko ari ngombwa kubahiriza amabwiriza yo kwirinda COVID-19 harimo: gusiga intera hagati y'umuntu n'undi, kwambara agapfukamunwa no gukaraba intoki. Abatazabyubahiriza bazafatirwa ibihano. Izindi ngamba zo kwirinda COVID-19 zisanzweho zizakomeza gukurikizwa.**

4. Inama y'Abaminisitiri yagejejweho ibi bikurikira:

- Intambwe imaze guterwa mu kuzahura ubukungu n'ibyiciro by'ingenzi by'iterambere ry'Igihugu bizibandwaho mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2021/2022.
- Ibyavuye mu bushakashatsi bwakozwe ku buzima n'imibereho y'abaturage mu mwaka wa 2019/2020.

5. Inama y'Abaminisitiri yemeje gahunda n'ingamba zikurikira:

    - Gahunda yo kunganira inganda zo mu Gihugu kugira ngo zirusheho gutanga umusaruro.
    - Itangwa ry'impushya zo gushakashaka no gucukura amabuye y'agaciro na kariyeri.
    - Itangizwa ry'uruganda rukora amata y'ifu.
    - Umushinga "Kivu boat" uzakorerwa mu Kiyaga cya Kivu.

6. Inama y'Abaminisitiri yemeje umushinga w'itegeko rigenga Urwego rw'Umuvunyi.

7. Inama y'Abaminisitiri yemeje imbonerahamwe zivuguruye z'imyanya y'imirimo y'inzego n'ibigo bya Leta bikurikira:

    - Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi
    - Minisiteri y'Ubuzima
    - Minisiteri ishinzwe Ibikorwa by'ubutabazi
    - Ikigo gishinzwe Ubuzima mu Rwanda
    - Ikigo gishinzwe kugenzura ibiribwa n'imiti mu Rwanda.
    - Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Guteza imbere Imiturire
    - Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubutaka

8. Inama y'Abaminisitiri yemeje amateka ya Perezida akurikira:

    - Iteka rya Perezida rigena ibigomba kugirirwa ibanga bijyanye n'umutekano mu by'ikoranabuhanga.
    - Iteka rya Perezida rishyiraho sitati yihariye igenga abakozi b'Urwego rw'Igihugu rushinzwe umutekano w'ibijyanye n'ikoranabuhanga mu itangazabumenyi n'itumanaho.
    - Iteka rya Perezida rigena imiterere n'imikorere by'inzego z'imirimo z'Urwego rw'Igihugu rushinzwe umutekano w'ibijyanye n'ikoranabuhanga mu itangazabumenyi n'itumanaho n'ibigenerwa abakozi barwo.

9. Inama y'Abaminisitiri yemeje amateka ya Minisitiri akurikira:

    - Iteka rya Minisitiri ryemerera ishuri rikuru ryigenga ryitwa *the East African Christian College* gutangira gukora.
    - Iteka rya Minisitiri ryemerera ishuri rikuru ryigenga ryitwa *African College of Theology* gutangira gukora.
    - Iteka rya Minisitiri rigena urutonde rw'ibikomoka ku butabire n'ibindi bihumanya bitemewe.
    - Iteka rya Minisitiri rigena ikoreshwa ry'ibintu byangiza akayunguruzo k'imirasire y'izuba cyangwa bishobora gutera imihindagurikire y'ibihe.

10.Inama y'Abaminisitiri yemeje ko aba bakurikira bahagararira ibihugu byabo mu Rwanda ku rwego rwa Ambasaderi (High Commissioner & Ambassadors):

- **Bwana Omar Talal Ali Daair**, *High Commissioner* w'Ubwongereza mu Rwanda, afite ikicaro i Kigali.
- **Bwana Jamal M.H. Al-Madani,** Ambasaderi w'Ubwami bwa Arabiya Sawudite (the Kingdom of Saudi Arabia) mu Rwanda, afite ikicaro i Kampala.
- **Bwana Zsolt Mészáros**, Ambasaderi wa Hongiriya (Hungary) mu Rwanda, afite ikicaro i Nayirobi.

11. Inama y'Abaminisitiri yashyize mu myanya Abayobozi ku buryo bukurikira:

**Mu Rwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura imikorere y'inzego zimwe z'imirimo ifitiye igihugu akamaro (RURA)**

- Dr. Ernest NSABIMANA, Umuyobozi Mukuru/Director General

**Mu Kigo cy'Igihugu gishinzwe gukwirakwiza amazi, isuku n'isukura (WASAC)**

- Alfred DUSENGE BYIGERO, Umuyobozi Mukuru/Chief Executive Officer (CEO)

**Mu Kigo cy'Igihugu gishinzwe Guteza imbere Imiturire/Rwanda Housing Authority (RHA)**

- Félix NSHIMYUMUREMYI, Umuyobozi Mukuru/Director General
- Noël NSANZINEZA, Umuyobozi Mukuru Wungirije/Deputy Director General

**Mu Kigo gishinzwe Amashuri Makuru/Higher Education Council (HEC)**

- Dr. Rose MUKANKOMEJE, Umuyobozi Mukuru/Director General

**Muri Rwanda TVET Board (RTB)**

- Paul UMUKUNZI, Umuyobozi Mukuru/Director General

**Muri Financial Intelligence Center**

- Jeanne Pauline GASHUMBA, Umuyobozi Mukuru/Director General
- Jean Bosco MURENZI, Head of Compliance and Prevention Department
- Jean Marie NYIRURUGO, Head of Monitoring and Analysis Department

**Mu Kigega gitanga inguzanyo ku mishinga mito n'iciriritse/Business Development Fund (BDF)**

- Vincent MUNYESHYAKA, Umuyobozi Mukuru/Chief Executive Officer
- Rosalie SEMIGABO, Umuyobozi Mukuru Wungirije/Deputy Chief Executive Officer

**Muri Minisiteri y'Ubuzima**

- Dr. Corneille Killy NTIHABOSE, Head of Clinical and Public Health Services Department
- Dr. Parfait UWALIRAYE, Head of Planning, M&E and Health Financing Department
- Dr. Angelique MUMARARUNGU, Director of Planning and Health Financing Unit
- Donatien Ngabo NTAGARA, Director of Monitoring & Evaluation Unit
- Dr. Théophile DUSHIME, Chief Technical Advisor
- Mike HABINSHUTI, SPIU Coordinator

**Mu Kigo gishinzwe Ubuzima mu Rwanda/Rwanda Biomedical Centre (RBC)**

- Dr. Swaibu KATARE, Head of Biomedical Services Department
- Dr. Albert TUYISHIME, Head of the Institute of HIV Disease Prevention and Control Department
- Eng. Francine MUTESI, Medical Technology Division Manager
- Dr. Gallican RWIBASIRA, HIV/AIDS, STI and Hepatitis Division Manager
- Dr. François UWINKINDI, Non-Communicable Diseases Division Manager
- Noella BIGIRIMANA, Research, Innovation and Data Science Division Manager
- Dr. Edson RWAGASORE, Epidemic Surveillance Response Division Manager
- Dr. Jean Nepomuscène SINDIKUBWABO, SAMU Services Division manager
- Robert RUTAYISIRE, National Reference Laboratory Division Manager
- Julien NIYINGABIRA, RHCC Division Manager
- Dr. Thomas MUYOMBANO, Blood Transfusion Division Manager
- Clarisse MUSANABAGANWA, Medical Research Analyst
- Muhammed SEMAKULA, Health Scientific Innovation Analyst

**Muri Minisiteri y'Ikoranabuhanga mu Itumanaho na Inovasiyo**

- Esther KUNDA, Director General for Innovation and Emerging Technologies
- Rodrigue Byuma RUHASHYA, Public Digitization Analyst
- Angelos MUNEZERO, Public Digitization Analyst
- Martine NEZERWA, Chief Digital Officer for Agriculture
- Roger MIZERO, Chief Digital Officer for Environment and Disaster Management
- Romalice ISHIMWE, Chief Digital Officer for Infrastructure

- Bella RWIGAMBA, Chief Digital Officer for Education Sector
- Ariane MUGISHA, Chief Digital Officer for Local Government
- Stella MURUNGI, Chief Digital Officer for Justice Sector
- Desire R. MANZI, Chief Digital Officer for Trade, Industry and Investments
- Fidel RURINDA, Business Analyst-MINALOC
- Pierre Celestin NIZEYIMANA, Business Analyst Gender and Family Promotion
- Darius MICO, Business Analyst, MIFOTRA
- Jacques KAYISIRE, Business Analyst, MINISPORTS

**Mu Kigo cy'u Rwanda gishinzwe Ikoranabuhanga mu Itumanaho n'Isakazabumenyi /Rwanda Information Society Authority (RISA)**

- Gloria INGABIRE, Enterprise Architecture Division Manager
- Maryse B. GWIZA, Digitization Analyst
- Edson MUGABO, Network Operations Analyst
- Gervais NGIRABARI, Software Development Analyst
- Halelluya IRADUKUNDA, Principle DevOps Engineer
- Solange KALEMA, Business Analyst

**Mu Nteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena**

- Alice Uwera KARAKE, Director General of Parliamentary Affairs and Plenary Services

- Thacien YANKURIJE, Advisor to the Vice President in charge of Finance & Administration.

**<u>ABAGIZE INAMA Z'UBUYOBOZI</u>**

**Mu Kigo gishinzwe Ingufu/Rwanda Energy Group (REG)**

- Dr. Didacienne MUKANYILIGIRA, Perezida
- Pacifique TUYISHIME, Visi Perezida
- Carine UMUTONI
- Viateur MUGENZI
- Jean Claude IRIBONEYE
- Charles KALINDA
- Clémence Rita MUTABAZI

**Mu Kigo cy'Igihugu gishinzwe Guteza imbere Imiturire/Rwanda Housing Authority (RHA)**

- Claudine Marie Solange NYINAWAGAGA, Perezida
- Emmanuel TWAGIRIMANA, Visi Perezida
- Anastacia Maria Rodrigues Vera Cruz
- Remy Norbert DUHUZE
- Valens UWINEZA
- Alexia BYUSA
- Thadée NYIRISHEMA

**Mu Kigega gitanga ingwate ku mishinga mito n'iciriritse/Business Development Fund (BDF)**

- Eric RWIGAMBA, Perezida
- Solange IRAKARAMA, Visi Perezida
- Josephine NYIRANZEYIMANA
- Roselyne UWAMAHORO
- Germain NIYOMUTABAZI
- Dr. Octave SEMWAGA
- Joselyne NSANZA

Bikorewe i Kigali, ku wa 14 Ukuboza 2020.

**Dr. Edouard Ngirente**
**Minisitiri w'Intebe**